REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

ITANGAZO RYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA
KU KWAKIRA KANDIDATIRE Z'ABIFUZA KUBA ABAJYANAMA MU TURERE

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyekanisha ko izakira kandidatire z'abifuza kujya mu Nama Njyanama z'Uturere guhera **tariki 11 kugeza ku ya 22 Mutarama 2021.**

Utanga kandidatire ku mwanya w'Umujyanama w'Akarere agomba kuba yujuje ibikurikira:

1) kuba ari Umunyarwanda;
2) afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3) adafite imiziro iteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora;
4) atari mu mirimo itabangikanywa no kuba umujyanama.

Inyandiko itanga kandidatire igomba kuba igizwe n'ibikurikira:

1) ***Ibaruwa itanga kandidatire***, isinye, yandikiwe Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, kandi imenyekanisha umwanya wiyamamarizwa (muri 30% b'abagore cyagwa Umujyanama rusange), n'Umurenge aziyamamarizamo.
2) ***Umwirondoro*** ugaragaramo: amazina y'Umukandida, igihe n'aho yavukiye, amashuri yize n'ibyo yakoze, umurimo akora n'aho aba.
3) ***Ibyangombwa biherekeza*** inyandiko ya kandidatire bikurikira:
   1° fotokopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa iy'ikindi cyemezo kigaragaza ko ari Umunyarwanda gitangwa n'inzego zibifitiye ububasha;
   2° kopi y'impamyabumenyi cyangwa iy'impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri;
   3° amafoto abiri (2) magufi y'amabara;
   4° icyemezo kigaragaza ko umuntu atafunzwe cyangwa yafunzwe igihe kitarenze amezi atandatu (6) n'icyo yafungiwe, gitangwa n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha;
   5° Inyandiko ihamya ko ibyatanzwe n'umukandida bihuye n'ukuri.

ICYITONDERWA: Kandidatire yohererezwa, mu buryo bw'ikoranabuhanga (online) kuri E-mail, Umukozi wa Komisiyo y'Amatora mu Karere umukandida yiyamamarizamo. Urutonde rwa E-mails na Telefoni z'abakozi ba Komisiyo muri buri Karere zigaragara ku rubuga rwa Komisiyo (Web site), ari rwo www.nec.gov.rw, no ku Biro by'Umuhuzabikorwa w'Amatora mu Karere.

Digitally signed
by NEC
(CHAIRMAN)
Date: 2021.01.08
08:54:09 +02'00'

Prof. KALISA MBANDA,
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora